c.f



K0165101

| | |
|---|---|
| *Identification* | *: RTLM/21.0 du 05.06.94* |
| *Durée* | *: 60mn* |
| *Qualité* | *: Bonne* |
| *Transmission* | *: Radio RTLM* |
| *Nom du transcripteur* | *: Uwamahoro M. Vianney* |
| *Date de transcription* | *: Le 21/02/2000* |
| *Nom du Fichier* | *: 0025.wpd* |
| *Dictaphone* | *: Express Writer*<br>*Série 2750*<br>*Modèle 667436* |

K0165102

# RESUME DE LA CASSETTE N° 0025.

**FACE A.**

* Un journaliste non identifié loue la bravoure de la population rwandaise et de ses autorités depuis les années 59 jusqu'à ce jour. Il explique comment ils ont combattu pour protéger le Rwanda contre les attaques des Inyenzis.

* BEMERIKI Valérie dit qu'on ne doit pas forcer les gens à partir en qualifiant de traîtres ceux qui ne veulent pas le faire. Elle dit aussi qu'il y a un problème avec le conseiller de Nyakabanda, qui ne travaille pas comme il se doit.

**FACE B.**

Vide.

**Face A**

**Orateur : Nom identifié**

Nazinduwe no kubashyigikira hano ku rugamba, mu izina rya Gouvernement no mu izina ry'Abanyarwanda bose. Nazanywe no kubashyigikira mu murimo ukomeye wo kurengera révolution y'Abanyarwanda yo muri mirongo itanu n'icyenda, n'ubusugire bw'igihugu cyacu. Ngira ngo muzi icyateye iyi ntambara tumaze mo imyaka hafi ine kuva mu... ku itariki ya mbere y'Ukwakira mirongo icyenda.

Icyateye iyi ntambara, ni uko rubanda nyamwinshi yambuye ubutegetsi muri mirongo itanu n'icyenda rubanda nyamuke, iyo rubanda nyamuke itemeye kubureka. Kuva mu w'igihumbi kimwe magana cyenda na mirongo itandatu na rimwe, abo bantu bagitsimbaraye ku ngoma y'igitugu n'agasuzuguro bagabye ibitero mu Bugesera, mu Bweyeye, muri Nshili n'ahandi, bagamije kwaka ubutegetsi rubanda nyamwinshi, kugira ngo babone uburyo bayikandamiza.

Icyo gihe Gouvernement y'Abatazi b'icyo gihe, iyobowe na Nyakubahwa Gerigori KAYIBANDA yitabaje ingabo z'igihugu maze zishushubikanya Inyenzi zirazifunyanga, zizaka intwaro, zizitsinda ubudasubirwaho. Ubwo kuva muri mirongo itandatu na karindwi kugeza muri mirongo icyenda, u Rwanda rwagize agahenge. Rubanda nyamwinshi yigenga mu Rwanda rw'abasokuruza, ariko... Inyenzi zimaze gutsindwa ntabwo zavuye ku izima. Intambara barwanaga kuva ku itariki ya mbere Ukwakira mirongo cyenda ni iy'abana b'izo Nyenzi, zashatse kwiyoberanya noneho ziyita Inkotanyi. Izo Nyenzi rero, zongeye kwiyahura nko muri za mirongo itandatu, ngo zishaka gusubirana ubutegetsi zambuwe na rubanda nyamwinshi. Ntabwo zirumva ko ubutegetsi bwasubiranye bene bwo kandi ko batazaburekura.

Basirikare ngabo z'u Rwanda, namwe Banyarwanda mwese mwahagurukiye kurengera ubusugire bw'igihugu cyacu, nimukomere. Gouvernement y'Abanyarwanda twese, turashima ubutwari bu... mukomeje kugaragaza mu guhashya umwanzi ari we FPR-Inkotanyi wongeye kwiyahura atera u

Rwanda. Yari yarasezeranyije amahanga ko azaba afashe u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi itatu, ashutswe n'ibyitso byamubeshye ko ingabo z'u Rwanda zidashobora kurwana ku gihe kirenze iyo minsi. Icyo kizere ngo yagiterwaga kandi na bamwe mu bazungu bari bari muri MINUAR ngo bari baramaze gukusanya no kubarura intwaro igihugu cyacu gifite, muri bimwe bari barise zone de consignation d'armes, ngo basanga zidashobora kurenza iminsi itatu imirwano iramutse yubuye.

Icyateraga umwanzi kandi kwizera ko yafata igihugu cyacu mu gihe cy'iminsi itarenze itatu, ni uko yari amaze kudukomanyiriza mu mahanga abifashijwemo n'ibihugu bimwe na bimwe ngo tubure aho twagura intwaro. Ariko cyane cyane bamwe nise "ingirwabanyapolitiki", bari barijeje izo Nyenzi z'ubu ko ngo na bo bafite ibyitso mu ngabo z'u Rwanda. Ngo bari bizeye ko imirwano niyubura abasirikare b'u Rwanda bazasubiranamo, bamwe bakanga kurengera urwababyaye. Ibyo bikaba bigaragazwa n'ukuntu FPR ikimara kubura imirwano tariki ya karindwi Mata mirongo icyenda na kane, Radio Muhabura ndetse n'andi maradiyo asanzwe avugira Inkotanyi, yahise yitakuma ngo ingabo z'u Rwanda zasubiranyemo. Babonye binaniranye, bati "ingabo z'u Rwanda zanze kurengera igihugu, harwana gusa ingabo zisanzwe zirinda Umukuru w'igihugu" ari zo Garde-Présidentiels. Ayo magambo yose, ngabo z'u Rwanda nta kindi yari agamije usibye kubacamo ibice ngo musubiranemo noneho umwanzi abone aho amenera. Nimushi..nimushimirwe rero kuba mwarimye amatwi izo mpuha zose mugahagurukira rimwe mugamije kurengera urwababyaye.

Ariko se ngabo z'igihugu uwo muhanganye ku rugamba ari we FPR Inkotanyi ni muntu ki? Amateka ye ni ayahe? Umuntu akurikije amateka y'igihugu, atwigisha ko mu Rwanda hari amoko atatu. Abatwa, Abahutu, n'Abatutsi. Ibarura ryakozwe mbere y'uko iyi ntambara yuburwa na FPR ritwereka ko u Rwanda rutuwe n'abaturage bagera kuri miliyoni indwi, Abatwa bakaba bagizwe hafi na kimwe ku ijana, Abahutu bakaba bagera kuri hafi mirongo icyenda ku ijana, naho Abatutsi bo bakaba batagera no ku icumi ku ijana. Abatutsi bageze mu Rwanda bwa nyuma basanga rutuwe n'Abahutu n'Abatwa, Abahutu ari bo bategeka, aho Abatutsi baziye, bakoresheje uburiganya, ubwicanyi n'amayeri, bashoboye kwambura Abahutu ubutegetsi, bityo Abatutsi bategeka bonyine mu gihe gisaga imyaka magana ane.

Nyuma y'aho Ababiligi baragirijwe u Rwanda, nyuma y'intambara y'isi yose ya mbere, yabaye nk'uko mwese mubizi hagati y'umwaka wa.. wa magana cyenda.. w'igihumbi magana cyenda na cumi n'umunani, w'igihumbi magana acyenda na cumi na kane n'igihumbi magana acyenda na cumi n'umunani, abazungu rero b'Ababiligi bafashije Abatutsi kwigarurira uduce tumwe na tumwe batari barashoboye kwambura Abahutu. Ababiligi rero ni bo batumye ubutegetsi bw'Abatutsi bushinga imizi.

Guhera ahagana mu mwaka w'igihumbi magana cyenda mirongo itanu Abahutu bajijutse, bari barize cyane cyane mu maseminari, ni bo batangiye kuvuga iby'akababaro k'Abahutu, n'akare... akarengane kabo.
Mu mwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo itanu na karindwi, hari ku itariki ya makumyabiri na kane Werurwe, Abahutu banditse inyandiko bise "manifeste des Bahutus" yari ikubiyemo ibyo bifuzaga ko byahinduka . Umwami RUDAHIGWA w'Umututsi wategekaga u Rwanda icyo gihe yari atangiye kumva ikibazo cy'Abahutu ku buryo ndetse ngo yari yiteguye no kugira ibyo yakwemera ngo Abahutu na bo bagire uruhare mu butegetsi. Abatutsi batifuzaga ko ibintu bihinduka bamufashe nk'umugambanyi w'ubwoko bwabo, ni bwo agambaniwe apfira i Bujumbura mu mwaka w'igihumbi kimwe magana cyenda mirongo itanu n'icyenda, ku mpamvu no mu buryo na n'ubu ngubu butarasobonuka.

Si ubwa mbere rero Abatutsi bagambanira Abakuru b'igihugu. Umwami RUDAHIGWA yasimbuwe n'Umwami KIGELI wa gatanu NDAHINDURWA, ngo wagombaga gutuma ingoma y'Abatutsi yongera kugira ingufu maze igacecekesha abo Bahutu bari batangiye kugaragaza akababaro kabo. Rubanda rugufi rwari rugizwe ahanini n'Abahutu n'Abatutsi b'abakene kimwe n'Abatwa, iyo rubanda rugufi irangajwe imbere n'abarwanashyaka b'imena nka KAYIBANDA, MBONYUMUTWA, GITERA, BICAMUMPAKA, BANZI, MAKUZA, n'abandi, iyo rubanda rugufi yanga kuguma ku ngoyi y'ako gatsiko kari kagizwe n'Abatutsi b'indobanure.

Insoresore z'Abatutsi zari zishyi..zishyigikiye ingoma ya cyami, zashatse kwivugana Umutware wa mbere w'Umuhutu w'icyo gihe Nyakubahwa Dominiko MBONYUMUTWA waje kuba Perezida wa mbere wa Repubulika y'u Rwanda. Ubwo ru... révolution yiswe iya mirongo itanu n'icyenda iba itangiye ityo. Imvururu zakwiriye mu gihugu hose, rubanda nyamwinshi ihagurukira rimwe, isezerera ityo ubutegetsi bushingiye ku ngoma ya cyami n'Abashefu, Abasushefu, n'Abamotsi babo. Kuva icyo gihe rero abo Batutsi banze kuva ku izima, ngo bumve ko rubanda nyamuke ntaho ya... yategetse rubanda nyamwinshi ubuziraherezo. Bihimbye izina ry'Inyenzi, batangira gutera u Rwanda bagamije kwisubiza ubutegetsi bari bamaze kwamburwa n'Abahutu. Ibyo bitero byaje guhagarara mu mwaka w'igihumbi maga..magana acyenda mirongo itandatu na karindwi, ari uko Inyenzi zineshejwe. Mu myaka yakurikiyeho, zitangira kwisuganya ngo zigabe igitero rurangiza kizatuma zifata ubutegetsi vuba.

Icyo gitero cyateguwe imyaka irenga makumyabiri, ni cyo cyo muri mirongo icyenda. Ariko noneho Inyenzi zahinduye izina zitwa Inkotanyi. Mwibuke rero nabwo ko izo Nkotanyi zari zaje zivuga ko zizafata u Rwanda mu minsi itatu gusa. Basirikare, ngabo z'u Rwanda, uwo murwana rero mwumvise ko usibye kuba yarahinduye izina akiri wa wundi utarigeze yemera ko rubanda rugufi, rwo muri mirongo itanu n'icyenda wasimbura ku bu... rwamusimbura ku butegetsi, uwo murwana nta wundi ni Inyenzi, arizo ubu noneho ziyise FPR Inkotanyi.

Inkotanyi zijya kugaba igitero zise rurangiza, zabanje kugitegura ku buryo buhanitse zikoresheje cyane cyane Gouvernement zabanjirije iyi y'Abatabazi ndetse n'amashyaka menshi. Inkotanyi zikoresheje uburiganya; ubugambanyi, ubwicanyi na ruswa zashoboye kwigarurira bamwe mu bayobozi b'amashyaka yari agize Gouvernement, bityo na yo ziyigiramo ibyitso bikomeye. Uwavumburaga uburiganya bw'Inkotanyi, umuga... n'umugambi wazo wo gufata ubutegetsi ku ngufu yahitaga yicwa. Aricwa GAPYISI Emmanuel, GATABAZI Felisiyani n'abandi benshi.

Amasezerano y'Arusha yagombaga kugara... kurangiza intambara izo Nkotanyi zashoje guhera mu Kwakira mirongo icyenda yabaye urwitwazo rw'Inkotanyi ngo zibone uko zitegura igitero simusiga

cyo gufata ubutegetsi. N'ubwo bwose Inkotanyi zahabwaga n'ayo masezerano uruhare mu butegetsi, rutagize aho ruhuriye n'ingufu za... zazo mu by'ukuri, Abanyarwanda benshi bari baremeye ayo amasezerano kuko bizeraga ko azakosorwa n'a... amatorwa yari ateganyijwe nyuma y'iyi Nzibacyuho. FPR yo si ko yabibonaga, ngo n'ubwo yari nyamuke, yagombaga kuba nyamwinshi mu butegetsi, ikoresheje icyo yo n'abazungu bayishyigikiye bise ngo "le FPR issu de la minorité éthnique mais disposant de la majorité politique".

Ikayashakamo ibyitso byaje kwigaragaza uko yagendaga igira ikizere cyo gufata ubutegetsi. Muri MDR, FPR irobamo TWAGIRAMUNGU yizera ko ishyaka ryose rizamukurikira, muri PL yishingikiriza Landuwaridi NDASINGWA, naho muri PSD yigarurira bamwe mu bayobozi. Mu ishyirwaho rero ry'inzego z'inzibacyuho yaguye, niho FPR yerekaniye umugambi wayo kimwe n'abayishyigikiye. Uwari wishyizeho ngo azabe Ministre w'intebe, ati : "n'ubwo bwose amasezerano y'Arusha ateganya imyanya igomba guhabwa buri shyaka, jye mfite ububasha bwo gufata umuntu nkamwita ko ari uwo mu ishyaka iri n'iri ngiri bityo akaba ari we ngira Minisitiri ntitaye ku byifuzo by'iryo shyaka ryahawe.. ryahawe uwo mwanya". Nguko uko yanze lisiti y'Abaministri yahawe n'ubuyobozi bw'amashyaka MDR na PL akishyiriraho abo we yishakiye ngo ngo aku... ngo akurikije ko hashobora kubaho n'abarwanashyaka ishyaka ritazi.

Umugambi wari uwo guha FPR u... ubwi... bwa bwiganze bwa bibiri bya gatatu muri Gouvernement. Uwari Ministre w'Intebe afatanyije na Président w'urukiko rusesa imanza na bo bakoreshaga bene ubwo buryo ngo babonere FPR ubwiganze bwa bibiri bya gatatu mu nama ishinga amategeko. Mu Banyarwanda bavumbuye uwo mugambi mubisha w'Inkotanyi usibye abarwanashyaka b'amashyaka aharanira Repubulika na démocratie mu Rwanda, hari cyane cyane Président wa République Nyakubahwa Général Major HABYARIMANA Yuvenali wakomeje gusaba ko ayo masezerano yashyirwa mu bikorwa uko yashyizweho umukono Arusha, nta buriganya, amashyaka agahabwa uburenganzira bwayo. Ngiyo rero imwe mu nzigo yari agifitanye na FPR n'abayishyigikiye.

Umugambi mubisha waje kunozwa ko aramutse yishwe FPR yakurura ingoma ikayi... ikayigeraho

nta zindi ngorane, yirengagije ko ayo mayeri yose rubanda nyamwinshi yari yaramaze kuyatahura. Ngaho rero aho kwica Umukuru w'igihugu cyacu gukomoka.

Basirikare ngabo z'u Rwanda, FPR imaze guca u Rwanda umutwe, yari yizeye gushyira igihugu mu gihirahiro, igafata ubutegetsi bitayigoye, bityo rubanda nyamuke ikoresheje amayeri ikagira ubwiganze mu butegetsi, igakandamiza rubanda nyamwinshi. Ubutegetsi Abatutsi bambuwe n'Abahutu muri mirongo itanu n'icyenda, bakabwisubiza batyo nyuma y'imyaka irenga mirongo itatu.

Basirikare ngabo z'u Rwanda, FPR yakoresheje amayeri ishaka ibyitso mu nzego zose z'ubutegetsi, mube mwa... maso rero mwirinde uwashobora kuboshya uwo ari we wese yitwaje ya mvugo y'ubugambanyi ngo urarwanira iki, urarwanira nde ? Ntimurwanira umuntu runaka muririwanirira mukarwanira n'urwababyaye.

Basirikare ngabo z'u Rwanda, Inyenzi zifite amayeri menshi kuva kera . Muri za mirongo itandatu zakwiriye amahanga zikoresheje akarimi karekare zirayabeshya maze ziyumvisha ko rubanda nyamwinshi itagomba gutegeka. Aho zikojeje... aho zikojeje ubusa kuko zanze zigatsindwa. Ubu rero na none Inyenzi zarongeye zizenguruka amahanga zirayabeshya zemeza ko rubanda nyamwinshi igomba kwamburwa ubutegetsi. Ariko na none nk'uko byagenze icyo gihe na none ziribeshya cyane, Inyenzi ziribeshya kuko u Rwanda ari igihugu cyigenga, nk'uko nabivuze ku Kibuye nkabisubiramo i Kigali, uzafasha inyenzi wese yaba Umuganda, yaba Umuzungu yaba nde azadusanga twiteguye kumurwanya kandi tuzamutsinda.

Basirikare ngabo z'igihugu, igihe cya gikoronize cyararangiye. Ntabwo Umunyarwanda azemera kuba umuja w'ibihugu by'amahanga. Hari bamwe bibwira ko umwirabura agomba kubona umuzungu agapfukama, yamubwira ati "ryama" ati "ndiyo bwana". Iyi ntambara turwana ni rurangiza nk'uko Inyenzi zayise ubwazo. Ni ukuvuga ko tugomba kwica ku Nyenzi n'agasuzuguro kazo. Abazishyigikira ba... bakibwira ko baduhatse ko ibyo byose byarangiye ko bagomba kutwubaha kabone n'iyo baba barigeze gutegeka u Rwanda mu gihe cya gikoroni. Inyenzi zamaze gushoberwa

zohereza Abaganda, ariko muzi ko Abaganda bakubitanye n'ingabo zacu, zikabamenesha bagasubira aho bavuye batareba inyuma, bakagenda barahirira ubutwari bw'Abanyarwanda. Inyenzi zibibonye gutyo zahamagaje abacancuro b'abazungu kugira ngo bakange Abanyarwanda. Ndagira ngo mbabwire ko hari bamwe bakibeshya igihe turimo. Muri za mirongo itandatu, abirabura barebaga umuzungu bakareba hasi, muri za mirongo itandatu kandi ibihugu by'Afurika byari bitaragira abasirikare, bitaragira ba officiers, icyo gihe birumvikana ko abacancuro bakanyujijeho batera akaduruvayo mu bihugu by'Afurika.

Kuva muri mirongo irindwi kugeza ubu, nta gihugu na kimwe gifite abaturage bangana n'ab'u Rwanda abacancuro bigeze bakanga. Ndagira ngo mbwire ingabo z'igihugu ko ingabo izajya yica umucancuro n'umuzungu ku rugamba Gouvernement izajya imugenera ishimwe ridasanzwe rizagenwa n'abakuru b'ingabo.

Basirikare ngabo z'igihugu, ntimugakangwe n'ubusa. Mujye mwibuka, ibyabereye mu bindi bihugu muri za mirongo itandatu. Abanyamerika bateye igihugu cyitwa Vietnam ho muri Aziya, batera yo amabombe angana n'a... n'ayasutswe mu ntambara y'isi yose muri za mirongo ine. Ariko abaturage bihagazeho Abanyamerika baratsindwa bava muri Vietnam badakoza amaguru hasi. Ejo bundi Abanyamerika bigabije agahugu ka Somaliya bavuga ngo ubwo ari Abirabura ngo bazabatunganya mu munsi umwe. Ariko ejobundi na none bavuyeyo badakoza ibirenge hasi. No mu Rwanda rero bazaze Abanyarwanda bazabereka ko batavugirwamo. Ibyiza ni uko bacisha make. Iyi ntambara yaradutinyuye turashaka ko ibihugu by'amahanga bitwubaha, bikamenya ko gikoronize yarangiye. Nibamenye ko na bagashakabuhake bo muri Afurika y'epfo bagezaho bakumva ko rubanda nyamwinshi idashobora kubindikiranwa ngo ibyemere.

Basirikare ngabo z'u Rwanda, intambara turwana ni ndende. Muri aka gace k'Afurika turimo, Président Museveni wa Uganda ashaka kukigarurira. Ingoma ya cyami yo gusenya Uganda, u Rwanda, u Burundi, n'igice cya Zaïre, ndetse ni..na Tanzaniya ni cyo Museveni agamije.
Murumva rero ko umwanzi wacu afite bene wabo bamufasha, ariko rero iyo nyir'umurima yize

ubwenge, inyoni na zo ziga ubundi. Rubanda nyamwinshi iri maso, muri Uganda, mu Burundi, muri Zaïre ndetse no muri Tanzaniya. Tugomba gushinga ikinyo ku kindi kuko iminsi yigena abagambanyi b'u Rwanda nk'uko yigena urwabya. Tugomba gushinga ikinyo ku kindi tukarwana iyi ntambara. Yamara imyaka itatu, yewe n'iyo yamara imyaka mirongo itanu, ni uko tuzayitsinda. Nta na hamwe agatsiko k'abantu babiri bigeze gutsinda rubanda nyamwinshi. Nimuhaguruke dufata imbunda, muhashye umwanzi uri kutwicira ababyeyi, uri kutwicira abana, uri kutwirukana mu nzu zacu, tugasiga imyaka yeze, tugasiga amatungo, tugasiga amasambu y'abakurambere bacu. Nimuhaguruke uwo mwanzi tumuhashye tumuteshe ibye.

Koko duhinge maze umwanzi aze asarure? Koko twubake maze umwanzi aze asenye? Koko tworore umwanzi arye inyama ? Basirikare ngabo z'igihugu, nimushirike ubwoba ntimurambirwe. Nimuhaguruke muteshe umutwe umwanzi, nimumutsembe aho ari hose. Nimuhaguruke mumutemere aho ari hose, ntimutegereze ko abasanga aho muri. Nimumutsembe, mumwambure intwaro, ntazongera kurota kugaruka. Muri iyi minsi bangejejeho ko hari abasirikare bake b'ibigwari babona umwanzi akubise isasu bakiruka. Ndagira ngo nsubiremo ko natanze amabwiriza akomeye nkayamenyesha abakuru b'ingabo. Umusirikare wiruka imbere y'umwanzi aba ari umwanzi w'igihugu na we, agomba gufatwa nk'umwanzi.

Nasabye abakuru b'ingabo ko abo basirikare bagomba kubafatira ibyemezo bikomeye batajenjetse. Nasabye abaturage bafat... bafata umusirikare uhunze kumwambura imbunda n'imyenda ya gisirikare, bakamushyikiriza ubutegetsi bukamugenera igihano ibihano biteganywa n'amategeko. Ariko se umusirikare uhunga imbere y'umwanzi azahunga ageze hehe ? Musirikare uhunga uzi ko iyo uhunze utishe Inyenzi ikuri imbere uba uyihaye urubuga rwo kwica ababyeyi bawe umugore wawe, abana bawe? Nongeye gusaba ubutegetsi n'abakuru b'ingabo, ko umusirikare usahura na we agomba gufatwa nk'umwanzi bakamuhana batajenjetse. Navugiye ku Kibuye ko umuntu usahura aba yikoza ubusa. Navuze ko niba usahuye, ukibagirwa kurwanira igihugu, utazabona aho u... uririra ibyo was... aho uri... aho urira ibyo wasahuye. None se uzabirira he Inkotanyi zimaze kudukura mu byacu? Ibyo wasahuye uzabihungishiriza hehe Inkotanyi nizimara gufata igihugu? Uzabijyana mu Burundi se? Muri

Tanzaniya? Muri Uganda se? Ntabwo ari mu gihugu cyawe . Nababwiye ko gusahura amafaranga ari ukwibeshya kuko umuntu nava mu Rwanda ahunga, ayo mafaranga azayakoresha hehe kuko nta yindi Gouvernement izayemera igihe Gouvernement y'u Rwanda izaba itakiriho. Ikindi kandi navuze ko Gouvernement ishatse yahindura amafaranga uwaba yarayibye agahomba akaba yarakoreye ubusa.

Basirikare nga..ngabo z'u Rwanda, umukobwa aba umwe agatukisha bose. Ni yo mpamvu twahagurukiye guhana bikomeye abo basirikare bake babasebya kandi bagahemukira u Rwanda. Mwumvise ko abaturage bose bahagurutse bakaba bariyemeje kurwanya umwanzi. Muri iyi minsi bamwe bahawe intwaro babari inyuma. Akanyenzi kazajya gacika ku mbunda zanyu, bazajye baga.. bagafunyanga. Umusirikare na we uzajya ahunga azajya abasanga inyuma bamugenere igihano kimukwiye. Ariko rero cyane cyane nimwumve ko mutari mwenyine, dushaka ko buri muturage aba umusirikare akabunganira kandi nta kabuza tuzatsinda. Baca umugani mu kinyarwanda ngo "wima igihugu amaraso imbwa zikayanywera ubusa". Nimukomere rero duhashye umwanzi. Imbunda ziragenda ziboneka, ibikoresho biragenda biboneka, ubwo turaza kubigarukaho.

Muzaba mukoreye igihugu cyanyu kandi mwikorera ababakomokaho bazabavuge ibigwi, babarata ubutwari bwanyu, nimube abagabo, byanze bikunze tuzatsinda. Murakoze.
(Indirimbo).

**Orateur : BEMELIKI Valérie, RTLM.**
Abwirwa benshi akumva bene yo rero, Inyenzi Inkotanyi niba ryakurikiye ririya jambo riryumve, zumve ko ntacyo zishobora kugeraho. Niba ari n'inyota yo kugarura ya ngoma, iyo ngoma yarasezerewe. Mwene Sebahinzi rero yarahagurutse, yarahumutse, ntabwo ashobora kwemera ko ingoma yasezerewe na rubanda nyamwinshi kuva muri mirongo itanu n'icyenda, ubu nyuma y'imyaka mirongo itatu n'ingahe, ari ho iyo ngoma yagaruka, kandi nta n'ubwo igomba kongera kugaruka. Baranibeshye rero barabi.. baribeshye bibwira ko nibanyura Bugesera bazahingukira i Muyira muri Komini ya Butare, bakagera i Nyabisindu bizeye ko bazajya i Nyanza i bwami kureba ya Karinga. Nyamara, nyamara uwari ubizi neza bamusize inyuma ari we Rizinde bari kugomba

kumubaza uko byagendekeye iyo Karinga. Kuko nibatanamubaza yenda bazanamusabe igitabo yanditse noneho bazabanze bagisome babone kwerekeza iya Nyanza. Iya Nyanza na ho bahe... babonye ko hatavogerwa, ko i Nyanza hatakiri i bwami, ko i Nyanza nta Karinga ikiharangwa, ko rero Nyanza ari ubutaka bw'u Rwanda, ari ubutaka bw'Abanyarwanda bose.

Ubwo rero ni yo mpamvu bari berekeje iyo ngiyo, ariko ingabo z'u Rwanda zihagoboka bwangu, zizikubita incuro, inyinshi ziha... zihasiga agatwe. Niba bashaka kumenya ibya Karinga ingoma twasezereye kuva muri mirongo itanu n'icyenda ubwo yajyanaga na nyirayo Kigeri wa gatanu Ndahindurwa, bamenye ko itazongera kugaruka. Bazayibaze rero Rizinde bari kumwe, azabahe cya gitabo cye bagisome bamubaze aho iyo Karinga yayishyize. Ntabwo ari twe bagomba kuza kuyibaza. Bazabe ari we bayibaza.

Ubwo na none tukaba twiyama rero imvugo z'abantu bariho bafatanya n'Inyenzi Inkotanyi kandi bizwi ko banafatanyije kuva kera. Abafatanyije n'umwanzi, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe yarabivuze ati, nibasange Inyenzi, nibajye ku Murindi bazisange abadafatanyije na zo bagumane na twe. Ni byo. Ni byo abumva ko ari Inyenzi Inkotanyi, abumva ko ari ibyitso byazo ko batazihara nibazisange batuvemo, twe dusigare tuzirwanya turwanya n'abo ngabo, turi bamwe. Abo nibo bariho bagenda bakwiza imvugo, bahi.. bagiye bahunga za baringa bamwe kuko bari babiziranyeho n'Inyenzi Inkotanyi, biha kugenda bazihunga. Ndavuga cyane cyane abari inyuma y'uriya musozi wa Kigali, abari inyuma ya Mont Kigali, siniriwe mbavuga amazina ariko imvugo yabo nikomeza turumva ko tugomba kubavuga kuko basanzwe banazwi, aha twakwibutsa umwe muri bo atekereze yibuke amatora yagiye aba y'Abakonseye muri za Komine Nkumba, Butare... Butaro na Kidaho ukuntu yagendaga akorera propagande y'Inyenzi Inkotanyi ashaka kugira ngo atoreshe abajyanama b'Inyenzi Inkotanyi bikamupfana.

Uwo na we ni umwe muri izo Nyenzi Nkotanyi n'ubwo bwose ari kwihisha ku musozi wa Mont Kigali. Ubwo ari inyuma yawo akava iyo ngiyo akaza yiruka mu baturage ngo ye... ngo... agashyiramo ibihuha, ngo abatarahunze ngo, ngo, ng'ubwo ngo ni Inyenzi na bo ngo bafatanyije

n'Inyenzi, nyamara iyo mvugo ihishe byinshi, abantu bumva ko uwo.. abo bantu bari kuza bongera kuvuga ayo magambo, babafate na bo baraba ari Inyenzi, kuko abantu batahunze ntabwo ari Inyenzi, abantu batahunze ni abiyemeje guhangana n'Inyenzi Inkotanyi kugira ngo babereke ko bo bahagurukiye kurwana ku busugire bw'igihugu cyabo.

Abo rero bahunze, nabwo ntibahahunze kuko bari aho hakurya gusa mu.. muri metero mirongo ingahe uvuye aha... aho ngaho abandi batuye maze bajya mu ishyamba rya... rya Mont Kigali, aho bategereje zene wazo kugira ngo ba... bamanuke baze. Ariko kubera ko abantu basigaye bazi ko bazazirwanya bakumva ko nta bundi buryo bakoresha kugira ngo na bo bagende zibone uko zimanuka ntawe uzikomye imbere. Bati "abatarahunze ni ibyitso, cyangwa ngo ni Inyenzi ngo niba batarahunze ngo bategereje Inyenzi bene wazo ngo zigiye kuza". Nyamara ari ukugira ngo abantu bashye ubwoba bavanemo akabo karenge na bo ngo bahunge.

Abo bantu, abumva ko baguma kubikoresha bireze cyane muri Segiteri ya Nyakabanda. Ntidushaka rero ko bisatira n'andi Masegiteri yose y'umujyi wa Kigali. Abantu bongera kugaruka muri Segiteri Nyakabanda, turasaba Konseye w'iriya Segiteri ko yakurikirana neza ibibera muri... muri Segiteri ye kuko hari byinshi bigenda bihavugwa. Ugasanga rero n'abaturage binuba ko Konseye nta kintu abamarira. Ko mu by'ukuri hari ibibazo bishobora kubateza umwanzi ubona ko ngo adakurikirana, bimwe akabihushura, tukaba dusaba ko yakurikiranira hafi ibibera muri iyo Segiteri y'iwe ya Nyakabanda. Nk'abo bantu bariho bagenda bakwiza ibyo bu... bihuha. Abantu benshi bariho barabiyama. Barabiyama bavuga ko mu by'ukuri ibyo bintu batazi ibyo ari ibyo. Ariko nagira ngo mpumurize abaturage ba Segiteri Nyakabanda, abaturage ba za Segiteri zose zikoze Préfecture y'umujyi wa Kigali, ndetse n'ahandi mu Rwanda ko abo bantu bavuga ibyo ari ukugira ngo babace intege, ari ukugira ngo babakangishe, kwa kundi bavuga ngo ba... abana bavuga ngo wapfa kanaka, na bo ni nko kuvuga ngo wapfa Inyenzi ngo wapfa Inyenzi niba musigaye aho ngaho ni akazi kanyu ariko akabivuga ku bundi bu... ku yandi mayeri agira ngo abateze noneho ubwoba cyane anabateze abantu avuga ngo abasigaye ni Inyenzi, ni Inkotanyi, ngo niba basigaye ngo bategereje zene wabo ngo kuki bo badahunga .

**Cassette n° 0025 transcrite par U.MV**

Ntabwo tugomba guhunga uyu mujyi. Uko bigaragara, Inyenzi zakubiswe incuro, Inyenzi zapfuye ari nyinshi, niba n'abo ngabo basigaye ari Inyenzi ntabwo na bo bari bakwiye kutugumamo, ntabwo bari bakwiye kuguma mu bantu biyemeje kurwanya Inyenzi. Ku buryo ayo mazina rero niba bakomeje kugenda bavuga ibintu nk'ibyo ayo mazina turayafite, twebwe turibuze kuyatangaza niba ibikorwa bimeze bibi... bikomeje kugenda gutyo bakomeje kugenda bavuga izo mvugo.

Ndabibutsa rero Abanyarwanda ko i... abo bantu harimo bamwe tuzi bagiye bakoresha amatora, bagiye bateza umwuka mubi mu matora yabaye muri za Komini Nkumba, Butaro na Kidaho za Superefegitura ya Kirambo, murabyibuka aho Inyenzi zakoze amarorerwa kubera umuntu umwe wagiye muri abo ngabo muriho mutubwira wagiye ashaka kugira ngo akore propagande z'Inyenzi Inkotanyi, ashaka gutoresha Abakonseye b'Inyenzi. Ubwo rero abo bantu nibakomeza turumva ko tutagombye kugira ngo bagumye bashake kwicisha Abanyarwanda barwana n'Inyenzi, kugira ngo ba... bashimishe Inyenzi. Ubwo na bo turabafata nk'Inyenzi. Dore ko n'abandi harimwo abariho bihisha inyuma y'iyo mvugo bakaza binjira mu mazu, bagasahura, ndetse ngo ubwo busahuzi bukaba buvanze ngo n'ubwicanyi.

Ibyo rero ni ukuvuga ko abo bantu bihanangirijwe kandi tukaba tunasaba ubutegetsi bwa za Segiteri gukurikirana ibintu biba bivuzwe muri Segiteri yabo, bakareba ko ari byo ba... ndetse n'abantu bakababwira abo bantu abo ari bo. Si ngombwa ko ari twe twabiba.. twabivuga, noneho abaturage na bo bakamenyera ko ikintu kibaye muri segiteri yabo bakwiye guhita bakimenyesha Konseye, babona Konseye wabo atakitayeho bakakigaragariza a... ubundi butegetsi bwo hejuru kuko ubutege...
**Fin de la face A.**

**FACE B**

( La grande partie de cette face contient de la musique et le reste est inaudible ).

- FIN -